REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2024

10 Nyakanga 2024

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2024

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Kamena 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5% ugereranyije na Kamena 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2024 byari byiyongereyeho 5,8%.

Mu kwezi kwa Kamena 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 23,2%.

Ugereranyije Kamena 2024 na Kamena 2023, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,8%.

Ugereranyije Kamena 2024 na Gicurasi 2024, ibiciro byagabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1%.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kamena 2024, ibiciro mu byaro byagabanutseho 1,4% ugereranyije na Kamena 2023. Ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2024 byari byagabanutseho 1,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanuka mu kwezi kwa Kamena 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,6%.

Ugereranyije Kamena 2024 na Gicurasi 2024, ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,7%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kamena 2024 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 1,1% ugereranyije na Kamena 2023. Mu kwezi kwa Gicurasi 2024 ibiciro byari byiyongereyeho 1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kamena 2024, ni ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 22,9%.

Ugereranyije Kamena 2024 na Gicurasi 2024, ibiciro byagabanutseho 0,6%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1.5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2023 kugeza muri Kamena 2024.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2023** | | | | | | | **2024** | | | | | |
| | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 | 6,4 | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 | 5,8 | 5,0 |
| Mu byaro | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 | 6,1 | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 | -1,6 | -1,4 |
| Mu Rwanda | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 | 6,2 | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 | 1,3 | 1,1 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 | -2,5 | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 | 0,0 | -0,4 |
| Mu byaro | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 | -5,6 | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 | -1,6 | -0,8 |
| Mu Rwanda | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 | -4,4 | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 | -1,0 | -0,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw